

**UMURYANGO
W'ABIBUMBYE**



Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora
Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

Urubanza N°: MICT-13-38

Itariki: 10 Nyakanga 2026

Umwimerere: Icyongereza

PEREZIDA WA IRMCT

Umucamanza: Graciela Gatti Santana, Perezida

Gerefiye: Abubacarr M. Tambadou

Itariki: 10 Nyakanga 2026

POROKIRERI

aburana na

FÉLICIEN KABUGA

***INYANDIKO ITARI IBANGA IFITE UMUGEREKA UTARI
IBANGA***

**ITEGEKO RISHYIRA MURI DOSIYE RAPORO Y'IPEREREZA
KU RUPFU RW'UREGWA**

NJYEWE, GRACIELA GATTI SANTANA, Perezida w’Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y’Insigarira y’Inkiko Mpanabyaha (“Perezida” na “IRMCT”, uko bikurikirana);

MAZE KUBONA KO Félicien Kabuga (“Kabuga”), wari ufungirwe muri Gereza y’Umuryango w’Abibumbye (“UNDU”) i Lahe, mu Buholandi (“U Buholandi”), akurikiranyweho jenocide, guhamagarira abantu, mu buryo butaziguye kandi mu ruhame, gukora jenocide, ubwumvikane bugamije gukora jenocide ndetse n’itoteza, itsembatsemba n’ubuhotozi nk’ibyaha byibasiye inyokomuntu, yapfuye ku itariki ya 16 Gicurasi 2026¹;

NIBUTSA KO, uwo munsu, nashyizeho Umucamanza Alphons Orie kugira ngo akore iperereza ku buryo Kabuga yapfuye ubwo yari afungirwe muri UNDU maze angezeho, mu buryo butaziguye kandi vuba bishoboka umuntu ashyize mu gaciro, raporo y’ibyavuye muri iryo perereza²;

MAZE KUBONA KO, ku itariki ya 6 Nyakanga 2026, nagejejweho raporo y’Umucamanza Orie;

MAZE KUBONA KO, muri IRMCT, inyandiko zose zerekanye n’urubanza zigomba kuba atari ibanga uretse igihe hari impamvu zidasanzwe³;

NSHYIZE MURI DOSIYE Raporo y’Umucamanza Orie isoza iperereza .

Bikozwe mu cyongereza no mu gifaransa ariko inyandiko yo mu cyongereza ni yo igenderwaho.

Bikozwe uyu munsi, tariki ya 10 Nyakanga 2026,

I Lahe, mu Buholandi.

[Umukono]

Graciela Gatti Santana
Perezida

[Kashe ya IRMCT]

¹ Itegeko rishyiraho Umucamanza wo gukora iperereza, 16 Gicurasi 2026 (“Itegeko”), paje ya 1; *Urubanza Porokireri aburana na Félicien Kabuga*, N° MICT-13-38-T, icyemezo gisubika urubanza mu gihe kitazwi, 8 Nzeri 2023, paje ya 5; *Urubanza Porokireri aburana na Félicien Kabuga*, N° MICT-13-38-PT, Inyandiko y’ibirego yahinduwe bwa kabiri yatanze na Porokireri, 1 Werurwe 2021 (Inyandiko itari ibanga ifite Umugereka utari ibanga n’undi w’ibanga); *Urubanza Porokireri aburana na Félicien Kabuga*, N° MICT-13-38-I, icyemezo ku Cyifuzo cya Félicien Kabuga gisaba ko Urwandiko rwo kumufata n’Itegeko ryo kumwimura bihindurwa, 21 Ukwakira 2020, igika cya 18.

² Itegeko, paje ya 1.

³ Nk’urugero, reba *Urubanza Porokireri aburana na Ratko Mladić*, N° MICT-13-56-ES, Itegeko ryo gutanga inyandiko itari ibanga, yakuwemo ibigomba kugirwa ibanga, y’icyifuzo cya Ratko Mladić gisaba gufungurwa, 28 Mata 2026, paje ya 1; *Urubanza Porokireri aburana na Jovica Stanišić*, N° MICT-15-96-ES.2, Itegeko ryo gutanga inyandiko itari ibanga, yakuwemo ibigomba kugirwa ibanga, y’icyifuzo cya Jovica Stanišić gisaba gufungurwa mbere y’igihe, 15 Mata 2026, paje ya 1; *Urubanza Porokireri aburana na Paul Bisengimana*, N° MICT-12-07, icyemezo cya Perezida ku Cyifuzo cya Paul Bisengimana gisaba gufungurwa mbere y’igihe no ku Cyifuzo gisaba uruhushya rwo gutanga inyandiko itari ibanga, yakuwemo ibigomba kugirwa ibanga, y’icyo Cyifuzo, 11 Ukuboza 2012 (Inyandiko itari ibanga yakuwemo ibigomba kugirwa ibanga), igika cya 6.

UMUGEREKA

UMURYANGO W'ABIBUMBYE



Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira
y'Inkiko Mpanabyaha

RAPORO ISOZA IPEREREZA KU BURYO FÉLICIEN KABUGA YAPFUYE, IGENEWE PEREZIDA

UMUCAMANZA ALPHONS ORIE
6 NYAKANGA 2026

ISHAKIRO

I. INTANGIRIRO.....	1
II. UKO IBINTU BYAKURIKIRANYE	1
III. AMATEGEKO YEREKERANYE N’ICYO KIBAZO N’UBURYO BUKURIKIZWA	3
IV. IPEREREZA	5
V. IBYABAYE KU ITARIKI YA 16 GICURASI 2026	8
VI. UBUVUZI KABUGA YAHawe.....	11
VII. ICYATEYE URUPFU	18
VIII. IYUBAHIRIZWA RY’AMATEGEKO N’UBURYO BUKURIKIZWA KU BYEREKERANYE N’IBYABAYE	18
IX. IMYANZURO N’INAMA	21

I. INTANGIRIRO

1. Félicien Kabuga yapfuye ku wa Gatandatu, tariki ya 16 Gicurasi 2026, ahagana saa sita z’amanya, apfira mu Kigo cy’Ubuwuzi bw’Indwara z’Umubiri cyita ku bafungwa (“JCvSZ”), cyangwa ibitaro bya gereza, biri muri Gereza ya Haaglanden, ubwo yari afungiwe muri Gereza y’Umuryango w’Abibumbye (“UNDU”) iherereye aho hantu.
2. Ku itariki ya 16 Gicurasi 2026, Perezida w’Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y’Insigarira y’Inkiko Mpanabyaha (“Perezida” na “IRMCT”, uko bikurikirana yashyizeho kugira ngo nkore iperereza ku buryo Kabuga yapfuye (“Iperereza”). Yantegetse kumugezaho, mu buryo butaziguye kandi vuba bishoboka, umuntu ashya mu gaciro, ibyavuye muri iryo perereza. Perezida yategetse kandi Gerefiye wa IRMCT (“Ibiro bya Gerefiye” cyangwa “Gerefiye”) gutanga ubufasha, ubwo ari bwo bwose, nakenera muri iryo Perereza.
3. Iryo perereza rigamije kugaragaza ibyabaye mbere y’uko Kabuga apfa n’ibyabaye akimara gupfa. Rishingiye ku maraporo, inyandiko n’amakuru byo mu rwego rw’ubuvuzi byatanze n’abaganga ndetse n’abakozi bashinzwe kurinda umutekano muri UNDU n’abo muri JCvSZ, hamwe n’inzego bireba zo mu Buholandi Rishingiye no ku iperereza nikoreye ubwanjye. Abayobozi ba IRMCT n’abayobozi bireba mu Buholandi bahise bangaragariza ubufatanye, nk’uko bikenewe. Nakoze iri Perereza mu bwigenge busesuye.

II. UKO IBINTU BYAKURIKIRANYE

4. Mu Ugushyingo 1997, Kabuga yarezwe mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (“TPIR”), ariko akomeza guhunga ubutabera mu gihe kirenga imyaka 22, kugera ubwo yafatirwaga mu Bufaransa ku itariki ya 16 Gicurasi 2020. Kabuga yafashwe afite imyaka igera kuri 85 cyangwa irengaho gato. Yari umwe mu bayobozi bakuru bakekwaho kuba baragize uruhare rukomeye kurusha abandi muri jenocide yabaye mu Rwanda. Kabuga yarezwe ibyaha birindwi bya jenocide n’ibyaha byibasiye inyokomuntu, bishingiye ku byo aregwa birimo kuba ari umwe mu bantu bashinze *Radio Télévision Libre des Mille Collines*, yahitishaga amatangazo ahamagarira abantu gukora jenocide, gutera inkunga itangwa ry’intwari n’imyitoto byahawe Interahamwe harimo n’izari zigize umutwe wihariye we, wishe ibihumbi by’abasivire, no guhamagarira abantu, mu mamatingi yakoranyaga imbagana, kwica Abatutsi.

5. Amaze gufatwa, ku itariki ya 26 Ukwakira 2020, Kabuga yimuriwe, by’igihe gito, ku Ishami rya IRMCT ry’i Lahe kugira ngo akorerwe isuzumabuzima rirambuye maze hemezwe niba yashobora kwimurirwa ku Ishami rya IRMCT ry’Arusha n’uburyo byakorwamo, bidashyize ubuzima bwe mu kaga, kugira ngo abe ari ho aburanishirizwa. Ku itariki ya 13 Kamena 2022, Urugereko rwa Mbere rw’Iremezo rwashinzwe urwo rubanza rwemeje ko Kabuga akomeza gufungirwa ku ishami rya IRMCT ry’i Lahe kandi ko ari na ho urubanza rwe ruzatangira kuburanishirizwa.
6. Iburanisha ry’urubanza rwa Kabuga ryatangiye ku itariki ya 29 Nzeri 2022. Ku itariki ya 6 Kamena 2023, Urugereko rwa Mbere rw’Iremezo rwatanze icyemezo kivuga, ku bwiganze bw’amajwi, ko ubuzima bwa Kabuga butatuma ashobora gukomeza kuburanishwa kandi bishoboka cyane ko atazongera kugira ubwo bushobozi. Urugereko rwa Mbere rw’Iremezo rwemeje kandi ko, hakurikijwe uko ibintu byifashe, igikwiye ari ugushyiraho “ubundi buryo butuma hafatwa umwanzuro buteye, uko bishoboka kose, nk’iburanisha ariko budashobora gutuma hafatwa icyemezo kimuhamya icyaha”. Ku itariki ya 7 Kanama 2023, Urugereko rw’Ubujurire rwagumishijeho icyemezo cy’Urugereko rwa Mbere rw’Iremezo kivuga ko ubuzima bwa Kabuga butatuma ashobora gukomeza kuburanishwa kandi bishoboka cyane ko atazongera kugira ubwo bushobozi. Cyakora, Urugereko rw’Ubujurire rwafashe umwanzuro uvuga ko Urugereko rwa Mbere rw’Iremezo rwakoresheje nabi ububasha busesuye kubera ko rwemeje ko hakoreshwa “ubundi buryo bwatuma hafatwa umwanzuro”, maze rusubiza urwo rubanza mu Rugereko rwa Mbere rw’Iremezo kandi rurutegeka gusubika urubanza mu gihe kitazwi. Urugereko rw’Ubujurire rwategetse kandi Urugereko rwa Mbere rw’Iremezo gufata umwanzuro mu buryo bwihuse ku bikwiye gukurikizwa n’ibigomba kubahirizwa kugira ngo Kabuga afungurwe.
7. Ku itariki ya 8 Nzeri 2023, Urugereko rwa Mbere rw’Iremezo rwasubitse urubanza mu gihe kitazwi kandi rutegeka ko Kabuga akomeza gufungwa, mu gihe hategerejwe ko ikibazo cyerekeranye no kumufungura by’agateganyo gikemuka. Ubwo Kabuga yapfaga muri Gicurasi 2026, hashize hafi imyaka itatu urubanza rwe rusubitswe, nta gihugu na kimwe mu byo yifuje kujyamo cyari cyaremeye kumwakira, keretse Repubulika y’u Rwanda (“U Rwanda”), igihugu akomokamo. Ku itariki ya 14 Ugushyingo 2025, Urugereko rwa Mbere rw’Iremezo rwatanze icyemezo, aho mu myanzuro rwafashe, harimo uvuga ko ubuzima bwa Kabuga butatuma akora urugendo rujya mu Rwanda. Ku itariki ya 28 Mata 2026, Urugereko rw’Ubujurire rwagumishijeho uwo mwanzuro maze rusaba Urugereko rwa Mbere rw’Iremezo gusuzuma

niba gukuraho Itegeko ryo gufunga Kabuga by'agateganyo byaba bikwiye. Muri icyo gihe cyose kugera ku munsu yapfiriye, Kabuga yakomeje gufungirwa muri UNDU.

III. AMATEGEKO YEREKERANYE N'ICYO KIBAZO N'UBURYO BUKURIKIZWA

8. Mu mategeko akurikizwa mu Iperereza harimo Amategeko agenga ifungwa ry'abantu batagereje kuburanishwa na IRMCT mu rw'iremezo cyangwa mu bujura, cyangwa bafunzwe ku itegeko ry'urwo Rwego, yemejwe ku itariki ya 5 Ugushyamba 2018 ("Amategeko agenga ifungwa"), Amasezerano yerekeranye na gereza na serivise zijyanye na yo Urwego Mpuzamahanga Rwashyirwaho Gukora Imirimo y'Inkiko Mpanabyaha (IRMCT) rwagiranye n'Ikigo gishinzwe amagereza cy'u Buholandi, nk'uko aheruka guhindurwa ku itariki ya 20 Mutarama 2025 ("Amasezerano yerekeranye na Gereza na serivise zijyanye na yo") n'amategeko yo mu Buholandi yerekeranye na byo.
9. Amategeko agenga ifungwa agamije kugenga imikorere ya UNDU no gukora ku buryo uburenganzira bw'abafungwa bukomeza kubahirizwa no kurindwa. Amategeko agenga ifungwa ashingiye kandi agendera ku mahame yerekeranye n'ubumuntu, ku iyubahirizwa ry'agaciro ka muntu, ku mategeko mpuzamahanga yerekeranye n'uburenganzira bwa muntu, ku mahame yemewe ku rwego mpuzamahanga n'ibipimo ngenderwaho byerekeranye n'uburyo abantu bambuwe uburenganzira bwo kwishyira ukizana bagomba gufatwa. Iyo ari ngombwa, Amategeko agenga ifungwa akomeza gukurikizwa ku bafungwa mu gihe cyose bafunzwe ku itegeko rya IRMCT kandi bakiri muri gereza yayo, kabone n'iyi baba batayirimo by'igihe gito.
10. Nk'uko Ingingo ya 46 y'Amategeko agenga ifungwa ibiteganywa, Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi ya UNDU ni we ushinze kwita ku buzima bwo ku mubiri n'ubwo mu mutwe bw'abafungwa. Ingingo ya 47 y'Amategeko agenga ifungwa iteganywa ko abafungwa bafite uburenganzira bwo guhabwa serivise z'ubuvuzi ziri ku rwego nibura rumwe n'izihabwa abaturage bo mu gace bafungiyemo kandi bahabwa, nta kuzarira, serivise z'ubuvuzi zose bandikirwa n'Umuyobozi wa serivise y'ubuvuzi ya UNDU, harimo n'izitangwa n'abaganga b'inzobere ndetse n'izikenerwa mu buryo bwihutirwa. Nsanga ijamba "abaturage bo mu gace bafungiyemo" bisobanura abaturage b'u Buholandi ("Igihugu IRMCT ifitemo icyicaro"). Ingingo ya 47 y'Amategeko agenga ifungwa iteganywa kandi ko umufungwa avurirwa muri UNDU cyangwa muri gereza icumbikiye UNDU, cyangwa igihe nta n'imwe muri ayo magereza ishobora kumuvura nk'uko byategeswe na Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi ya UNDU, akoherezwa kwivuriza mu ivuriro ryo hanze ya gereza.

11. Amasezerano yerekeranye na gereza na serivise zijyanye na yo ateganya ko iyo umufungwa arwaye cyangwa agakomereka ashobora kuvurirwa muri JCvSZ, kandi ko icyo kigo kimuha serivise z'ubuvuzi zikenewe. Namenyeshejwe ko iyo umufungwa akeneye kwitabwaho n'abaforomo amanywa n'ijoro, iminsi irindwi mu cyumweru, ashobora kwimurwa akavanwa muri UNDU maze akajyanwa muri JCvSZ, kandi ko iyo bimeze bityo, abakozi bo mu rwego rw'ubuvuzi ba UNDU bakomeza kuvugana no gukorana mu buryo butaziguye na bagenzi babo bo muri JCvSZ.
12. Ingingo ya 50(2) y'Amategeko agenga ifungwa iteganya ko, iyo umufungwa apfuye, igihugu IRMCT ifitemo icyicaro gishobora gukora iperereza hashingiwe ku bisabwa n'amategeko yacyo. Muri urwo rwego, Ingingo ya 11 y'Amasezerano yerekeranye na gereza na serivise zijyanye na yo iteganya ko iyo umufungwa apfiriye muri UNDU, iperereza ku rupfu ndetse n'ibindi bikeneye gukorwa hakurikijwe amategeko y'igihugu IRMCT ifitemo icyicaro.
13. Uretse n'ibyo bimaze kuvugwa, Ingingo ya 50(3) y'Amategeko agenga ifungwa iteganya ko Perezida ashobora gutegeka ko hakorwa iperereza ku buryo umufungwa yapfuye.
14. Ku byerekeranye n'ibikurikizwa biteganywa n'amategeko y'u Buholandi, iyo umuntu apfuye, gusuzuma umurambo bikorwa n'umuganga wabigenewe, ushobora kuba ari muganga wamuvuraga cyangwa umuganga, wo ku rwego rw'umujyi, ushinzwe gutahura icyateye urupfu. Mu gihe umurambo usuzumwa, hasuzumwa inyuma ku mubiri. Iyo nzobere isuzuma niba umurambo cyangwa ahantu uri bigaragaza ikimenyetso, icyo ari cyo cyose, cy'uko hari indi mpamvu yaba yateye urupfu aho kuba urupfu rusanze. Nta ngingo yo mu Mategeko y'u Buholandi iteganya ibyerekeranye n'ibikurikizwa igihe hapfuye umuntu ufunzwe, ibyo bikaba bitandukanye n'uko bimeze mu bindi bihugu. Cyakora, hakurikijwe politike n'imikorere by'Urugaga rw'abaganga mu Buholandi, iyo bimeze bityo, isuzuma ry'umurambo rikorwa n'umuganga wo ku rwego rw'umujyi ushinzwe gutahura icyateye urupfu aho kuba muganga wamuvuraga. Iyo uwo muganga asanze umuntu yarazize urupfu rusanze, ategura inyandiko ibisobanura maze akayohereza abayobozi bo ku rwego rw'umujyi kugira ngo bakore ibindi bisabwa byo mu rwego rw'ubuyobozi.
15. Amategeko yo mu Buholandi ateganya ko isuzuma ry'umurambo rikorewe imbere mu mubiri rishobora gukorwa igihe umuntu wapfuye yabyemeye akiriho cyangwa igihe byemewe n'umuntu umuhagarariye. Nsanga isuzuma ry'umurambo rikorewe imbere mu mubiri rikubiyemo isuzuma ry'imyanya y'imbere n'uturemangingo tw'umubiri, isuzuma rikozwe hifashishijwe mikorosikopi, ndetse n'isuzuma ry'ibinyabutabire byaba byaragize uruhare mu

rupfu. Mu buryo budasanzwe, iyo uwapfuye atasize abitangiye uburenganzira, urwego rw'ubutabera rw'u Buholandi na rwo rushobora gutegeka ko hakorwa isuzuma ry'umurambo rikorewe imbere mu mubiri, mu rwego rw'iperereza rigamije kureba niba harakozwe icyaha cyateye urupfu rw'umufungwa.

IV. IPEREREZA

16. Nyuma yo guhabwa iyo nshingano, namenyeshajwe ko, ku itariki ya 16 Gicurasi 2026, muganga w'inzobere mu gusuzuma icyeteye urupfu yari yamaze gukora isuzuma ry'umurambo rikorewe inyuma ku mubiri kuri Kabuga, kandi ko yari yatanze inyandiko, yashyizeho umukono, yemeza ko iryo suzuma ryakozwe ndetse ko umurambo wa Kabuga washoboraga kwimurwa. Namenyeshajwe kandi ko uwo muganga yari yavuganye na Komanda wa UNDU, kandi ko yari yamenyesheje Porisi y'u Buholandi ko Kabuga yazize urupfu rusanze, bityo ko, iyo bimeze bityo, ubusanzwe hadakorwa iperereza rigamije kureba niba harakozwe icyaha kigatera urupfu. Nanamenyeshajwe kandi ko, ku itariki ya 16 Gicurasi 2026, nimugoroba, umurambo wa Kabuga wajyanywe mu kigo gishinzwe imihango yo gushyingura abapfuye.
17. Ku itariki ya 17 Gicurasi 2026, nakoranye inama na Gerefiye hifashishijwe ikoranabuhanga ry'amajwi n'amashusho maze anyizeza ko Ibiro bye bizashyigikira iryo Perereza mu buryo bwuzuye kandi bikampa ubufasha bwose nzakenera muri icyo gikorwa. Gerefiye yemeje kandi ko umuryango wa Kabuga n'Avoka wamwunganiraga bamenyeshajwe urupfu rwe, kandi ko icyo gihe icyo umuryango we wasabye ari ukubona umurambo we gusa.
18. Ku itariki ya 18 Gicurasi 2026, Ibiro bya Gerefiye byamenyesheje ko, umwe mu bakobwa ba Kabuga yandikishije nk'umuntu we wa hafi, yavuze ko nta mabwiriza Kabuga yasize atanze ku byerekeranye no kuba napfa umurambo we ugomba gupimwa na muganga ngo harebwe icyamwishe. N'ubwo uwo mukobwa wa Kabuga atasabye ko hakorwa isuzuma ry'umurambo rikorewe imbere mu mubiri ryuzuye, yabajije niba byarashobokaga ko hakorwa nibura isuzuma ry'ibinyabutabire, harimo no gupima urugero rw'isukari mu maraso, kuko yabonaga ko ibyo byashoboraga gutanga ibisubizo no kugira ibisobanuro nibura bike bitanga.
19. Ku itariki ya 19 Gicurasi 2026, nagiye kureba aho urwo rupfu rwabereye, muri UNDU. Nakiriwe na Komanda hamwe n'Umukozi wa UNDU wari ku kazi ubwo nahageraga. Baramperekeje tujya ku cyumba Kabuga yari afungiwemo, ari cyo icyumba N° 7, gihereye mu igorofa yo hasi ku gice cya JCvSZ cyagenewe gucumbikira abafungwa bageze mu zabukuru no kubitaho, ari na ho Kabuga yari ari. Urugi rw'icyo cyumba rwari rufunze kandi

ruriho itangazo rivuga ko bibujijwe kucyinjiramo. Icyo kimenyetso cyakuweho ndeba. Bambwiye ko cyashyizwe kuri icyo cyumba guhera igihe umurambo wa Kabuga wahakuriwe. Nagenzuye icyo cyumba maze mbona ku meza ibiryo byari byasigaye ku isahane n'igare ry'abamugaye Kabuga yasanze yicayeho yapfuye. Mu bindi nabonye mu cyumba cya Kabuga harimo: ibikoresho bibiri byo kwimura umurwayi (igikoreshwa umurwayi abigizemo uruhare n'igikoreshwa n'abafasha umurwayi, atabigizemo uruhare) byo kwimurira Kabuga ku gitanda no kukimukuraho, matora yashyizwe imbere y'igitanda cye kugira ngo aramutse aguye imurinde gukomereka, amakarita y'amashusho yometseho purasitiki yatumaga byoroha kuvugana na Kabuga, ubwiherero bwihariye bufatanye n'icyo cyumba, burimo ubwogero n'umusarane, n'idirishya rinini riri iruhande rw'igitanda rireba ahari ubusitani. Nagiranye ikiganiro cy'ibanze na Komanda wa UNDU ndetse n'abakozi bashinzwe ubuyobozi bwa JCvSZ ku bijyanye n'uko ibintu byakurikiranye ku itariki ya 16 Gicurasi 2026.

20. Nyuma yaho, baramperekeje njya kuri UNDU, iri hafi ya JCvSZ ku buryo umuntu ashobora kuhagera n'amaguru, ayo magereza yombi akaba ari mu kigo kimwe cy'igororero. Muri UNDU, nagenzuye icyumba cya Kabuga n'ibindi bikorwaremezo, birimo ahagenewe gusurirwa n'imiryango yabo n'ibyumba bibiri by'ikoranabuhanga ry'amajwi n'amashusho: kimwe kigenewe gukoreshwa igihe avugana n'abagize umuryango, ikindi kigenewe gukoreshwa igihe yitabira ibibera mu cyumba cy'iburanisha hifashishijwe ikoranabuhanga ry'amajwi n'amashusho. Ubwo nasuraga UNDU, Komanda wa UNDU yampaye amakuru y'ibanze ku byerekeranye n'uburyo Kabuga yajyaga yimurwa kenshi hagati ya JCvSZ na UNDU. Nanabonanye kandi na Komanda Wungirije wa UNDU, Umufasha mu by'indimi muri UNDU, ndetse n'Umufasha mu byerekeranye n'ikoranabuhanga muri UNDU. Nanagiranye ikiganiro kigufi n'Umuyobozi Wungirije wa Serivise y'ubuvuzi ya UNDU.
21. Ku itariki ya 20 Gicurasi 2026, natumiye umukobwa wa Kabuga na Emmanuel Altit, Avoka wunganira Kabuga kugira ngo batange amakuru ayo ari yo yose babona ari ngombwa ku bijyanye n'Iperereza. Nyuma yaho kuri uwo muni, Ibiro bya Gerefiye byamenyesheje ko umuryango wa Kabuga wahisemo ko hadakorwa isuzuma ry'ibinyabutabire byo mu mubiri kandi koATEGANYA gusezera bwa nyuma Kabuga ku itariki ya 21 Gicurasi 2026, mu kigo gishinzwe imihango yo gushyingura abapfuye.
22. Ku itariki ya 21 Gicurasi 2026, nakiriye inyandiko ya muganga yo ku itariki ya 20 Gicurasi 2026 ("Inyandiko ya muganga"), yatanze n'Umuhuzabikorwa w'ubuvuzi bushingiye ku bimenyetso wo ku Bitaro bya Reta by'Umujyi wa Haaglanden, ivuga ko Kabuga yapfuye azize

guhagarara k'umutima kandi ko hatakozwe isuzuma ry'umurambo rikorewe imbere mu mubiri. Uwo munsu kandi, Umujyi wa La Haye watanze icyemezo cy'uko Kabuga yapfuye.

23. Ku itariki ya 21 Gicurasi 2026, abayobozi bo mu Buholandi bemeje ko Ubushinjacyaha bw'u Buholandi butarimo gukora iperereza ku cyateye urupfu rwa Kabuga, hashingiwe ku mwanzuro w'umuganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera uvuga ko Kabuga yazize urupfu rusanze. Uwo munsu kandi, nagejejweho ibibazo byabajijwe n'umukobwa wa Kabuga ku byerekeranye n'uburyo se yapfuye.
24. Ku itariki ya 22 Gicurasi 2026, nabajije Komanda wa UNDU, Komanda Wungirije wa UNDU, Umufasha mu by'indimi wa UNDU ndetse n'Umufasha mu byerekeranye n'ikoranabuhanga muri UNDU. Komanda wa UNDU yanampaye inyandiko y'ibisobanuro bye, n'inyandiko z'ibisobanuro n'amaraporo byateguwe n'abakozi bari mu kazi ku itariki ya 16 Gicurasi 2026 muri UNDU no muri JCvSZ, ku byerekeranye n'ibyabaye mbere gato y'urupfu rwa Kabuga n'ibyabaye akimara gupfa.
25. Ku itariki ya 25 Gicurasi 2026, bimaze guhabwa uruhushya na Perezida, Ibiro bya Gerefiye byampaye amakuru yose, yo mu rwego rw'ubuvuzi, ari muri dosiye y'urubanza rwa Kabuga.
26. Ku itariki ya 28 Gicurasi 2026, umurambo wa Kabuga wimuriwe mu kindi gihugu bisabwe n'umuryango we.
27. Ku itariki ya 1 Kamena 2026, nabajije umuganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera wakoze isuzuma ry'umurambo ryo ku mubiri wa Kabuga, muri JCvSZ.
28. Ku itariki ya 3 Kamena 2026, nakiriye ubuhamya bwanditse bw'Avoka wa Kabuga.
29. Ku itariki ya 4 Kamena 2026, nabajije umukozi wa JCvSZ wagaburiye Kabuga ifunguro rye rya nyuma, ndetse n'umuganga wa JCvSZ wari mu kazi umunsu Kabuga apfa. Ku itariki ya 5 Kamena 2026, nabajije Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi ya UNDU.
30. Ku itariki ya 15 Kamena 2026, nakiriye Raporo y'Umuganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera yerekeranye n'isuzuma ry'umurambo ryo ku mubiri, ryakorewe Kabuga ku itariki ya 16 Gicurasi 2026.

V. IBYABAYE KU ITARIKI YA 16 GICURASI 2026

31. Ibyabaye ku wa Gatandatu, tariki ya 16 Gicurasi 2026, byanditswe mu buryo burambuye muri raporo z’abakozi ba UNDU, hakiyongeraho andi makuru nabonye mu mabaza y’abakozi ba UNDU na JCvSZ, ndetse n’umuganga w’inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera.
32. Ku itariki ya 16 Gicurasi 2026, ahagana saa mbiri n’igice za mu gitondo, abakozi ba JCvSZ, barimo n’abaforomo, binjiye mu cyumba cya Kabuga kugira ngo bamukorere isuku yo ku mubiri banamuhe ifunguro rya mu gitondo. Mu ma saa tanu n’iminota 13 za mu gitondo, Kabuga, ari mu cyumba cye muri JCvSZ, afashijwe n’umukozi wa UNDU, yahamagaye kuri terefone umwe mu bakobwa be, bagirana ikiganiro cyamaze hafi iminota irindwi. Mu ma saa sita z’amanywa, umukozi wa JCvSZ yakinguye umuryango w’icyumba cya Kabuga maze amuha ifunguro rya saa sita rigizwe n’umuceri, karoti, inyama, icyayi na yawurute. Uwo mukozi wa JCvSZ yasuhuje Kabuga mu gifaransa, na we aramusubiza, “bakomanya ibipfunsi”, nk’uko bari basanzwe babikora hanyuma uwo mukozi asohoka mu cyumba maze aragikinga.
33. Ahagana saa sita n’iminota 50 z’amanywa, undi mukozi wa JCvSZ yarebeye mu idirishya, riri ku rugi rw’icyumba, ryagenewe kureberwamo ibikiberamo maze abona Kabuga yicaye mu igare ry’abafite ubumuga rye, yunamye gato, maze akeka ko yari asinziriye. Amaze gukingura urugi rw’icyo cyumba no kwemerera ushinzwe isuku yacyo kwinjira, uwo mukozi wa JCvSZ yabonye ko Kabuga atari yamaze ifunguro rye na deseri. Umukozi wa JCvSZ hamwe n’ushinzwe isuku babonye ko Kabuga atagihumeka, bahita biruka bajya kubimenyesha abo mu cyumba gishinzwe igenzura cy’igice cya JCvSZ. N’ubwo nta mashusho yafashwe na kamera agaragaza imbere mu cyumba cya Kabuga ahari, namenyeshejwe ko amashusho yafashwe na kamera yo mu gice cya JCvSZ, aho icyumba cya Kabuga cyari giherereye, yemeza ko nta muntu winjiye mu cyumba cya Kabuga nyuma y’aho aherewe ifunguro rya saa sita na mbere y’uko bamusanga atagihumeka.
34. Saa sita n’iminota 51 z’amanywa, umuganga wa JCvSZ wari mu kazi icyo gihe, warimo kujya mu igorofa ryo hasi, yabwiwe n’abaforomo ba JCvSZ uko Kabuga yari ameze. Bahise berekeza mu cyumba cya Kabuga, aho uwo muganga wa JCvSZ yasuzumye niba yarahumekaga, afite umutsi utera, kandi niba yarumvaga ibimubaho, maze ahagana saa sita n’iminota 52 z’amanywa yemeza ko Kabuga yapfuye. Muri uwo mwanya kandi, umukozi wa JCvSZ yahamagaye kuri terefone Umukozi wa UNDU ushinzwe kurinda abafungwa wari mu kazi, amumenyesha ko Kabuga atagihumeka. Saa sita n’iminota 59 z’amanywa, Umukozi wa

UNDU wari ushinzwe kurinda abafungwa yahamagaye kuri terefone Umuyobozi Mukuru wa UNDU, wari ushinzwe kuyobora abakozi ba UNDU bashinzwe kurinda abafungwa, amumenyesha uko ibintu byari bimeze. Umuyobozi Mukuru wa UNDU yategetse abakozi ba UNDU gukinga urugi rw'icyumba cya Kabuga no kujya bandika abantu bose binjira mu gice cya JCvSZ n'amasaha binjiriyeho. Umukozi wa UNDU ushinzwe kurinda abafungwa yageze muri JCvSZ maze, afatanyije n'umukozi wa JCvSZ, bakinga urugi rw'icyumba cya Kabuga ubwo umuganga wa JCvSZ yari amaze kugisohokamo.

35. Saa saba n'iminota itanu z'amanywa, Umuyobozi Mukuru wa UNDU yahamagaye Komanda wa UNDU maze amumenyesha urupfu rwa Kabuga. Saa saba n'iminota irindwi z'amanywa, Umuyobozi Mukuru wa UNDU yahamagaye numero y'ubutabazi yo mu Buholandi, asaba guhabwa umurongo umuhuza na Porisi y'u Buholandi no kohererezwa abagenzacyaha kugira ngo babungabunge aho hantu, ashingiye ku buryo ibintu byagiye bikorwa iyo habaga hari umufungwa wafiriye muri UNDU. Saa saba n'iminota 13 z'amanywa, umuganga wa JCvSZ yahamagaye kuri terefone Umuganga wa UNDU maze amumenyesha ko Kabuga yapfuye. Saa saba n'iminota 18 z'amanywa, Porisi y'u Buholandi yahamagaye Umuyobozi Mukuru wa UNDU imumenyesha ko nta bagenzacyaha bari bwoherezwe kubera ko bakekaga ko Kabuga yazize urupfu rusanze, bityo bakabona ko nta mpamvu yo kohereza abagenzacyaha yari ihari. Umuyobozi Mukuru wa UNDU yasubije ko ibyo bitari bihuje n'imikorere yari isanzweho, kubera ko Kabuga yari umufungwa wa IRMCT aho kuba uw'u Buholandi.
36. Saa saba n'iminota 35 z'amanywa, Umuyobozi Mukuru wa UNDU yageze muri JCvSZ, naho Umuyobozi wa UNDU ahagera saa saba n'iminota 45 z'amanywa. Saa munani z'amanywa, hifashishijwe uburyo bwo kugenzura ibibera mu byumba buri hanze y'icyo cyumba, umwenda wo hanze utwikira idirishya ry'icyumba cya Kabuga waramanuwe kugira ngo hatagira undi muntu ubasha kukirebamo. Saa munani n'iminota 15 ndetse na saa munani n'iminota 24 z'amanywa, Umuyobozi Mukuru wa UNDU yongeye guhamagarwa na Porisi y'u Buholandi imumenyesha ko nta mpamvu yo kohereza umugenzacyaha yariho, ariko ko icyemezo cya nyuma cyagombaga gufatwa n'abamukuriye. Ahagana saa munani n'igice z'amanywa, umuganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera yaroherejwe.
37. Saa cyenda n'iminota 20 z'amanywa, Umuyobozi Mukuru wa UNDU yahamagawe kuri terefone n'umuganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera, amusaba kumuha amakuru y'ukuntu ibintu byakurikiranye. Saa cyenda n'iminota 39 z'amanywa, uwo muganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera yageze muri JCvSZ maze avugana n'Umuyobozi wa UNDU ndetse n'umuganga wa JCvSZ wari mu kazi. Uwo muganga wa

JCvSZ, abiyobowemo na Muganga ukuriye serivise y'Ubuwuzi ya UNDU, yatanze amakuru, mu magambo, yerekeranye n'indwara Kabuga yari asanganywe, zirimo iz'umutima, diyabete, umuvuduko w'amaraso ukabije amubwira n'ayerekeranye n'ubuvuzi bwifashisha imiti ibuza amaraso kuvura yahabwaga.

38. Saa kumi n'iminota itanu z'umugoroba, Umuyobozi Mukuru wa UNDU yongeye guhamagara Porisi y'u Buholandi, ayimenyesha ko umuganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera yari yahageze. Saa cumi n'iminota 16 z'umugoroba, Porisi y'u Buholandi yongeye kumuhamagara imumenyesha ko bitaramenyekana niba hari umugenzacyaha uri bwohereze, maze Umuyobozi Mukuru wa UNDU abasubiza ko umuganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera akomeza gukora inshingano ze.
39. Saa kumi n'iminota 20 z'umugoroba, urugi rw'icyumba cya Kabuga rwarakinguwe maze umuganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera yinjiramo aherekejwe n'umuganga wa JCvSZ wari mu kazi, abafomero babiri ba JCvSZ ndetse n'abacungagereza babiri ba JCvSZ. Umuganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera yabanje kureba hirya no hino mu cyumba, ntiyagira ikintu kidasanzwe ahabona, maze abona "umugabo wari ukicaye mu igare ry'abafite ubumuga rye, mu mutuzo, kandi bigaragara ko yahoze arimo gufata amafunguro". Afashijwe n'umuganga wa JCvSZ wari mu kazi, uwo muganga yimuye umurambo wa Kabuga awukura muri iryo gare maze awushyira ku buriri, awukuramo imyambaro, maze atangira isuzuma ry'umurambo rikorewe ku mubiri, azirikana indwara z'umutima Kabuga yari asanganywe ndetse n'ibibazo byo kuziba no kwipfundika kw'imitsi yo mu bwonko bya hato na hato ubusanzwe bibanziriza guturika kw'imitsi y'amaraso yo mu bwonko. Umuganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera yasuzumye umurambo wa Kabuga, harimo umutwe, amaso, umunwa, ijosi, igituza n'inda, ndetse n'amaguru n'amaboko, ntiyagira ibimenyetso by'uko yaba yaranizwe, ibikomere bigaragaza ko yaba yaragerageje kwirwanaho, cyangwa ikindi kimenyetso nk'icyo abona; ndetse ntiyagira ikintu na kimwe cyagaragazaga ko habaye impanuka, harimo no kunigwa n'ikintu gifunga inzira y'ubuhumekero abona. Ashingiye ku byo yari amaze kubona, umuganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera yabonye ko Kabuga yazize urupfu rusanze rutewe n'uburwayi bw'umutima cyangwa ubwo mu bwonko, kuko nta kimenyetso na kimwe cyagaragaje ko urupfu rwe rwatewe n'impamvu zidasanzwe. Umuganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera yasohotse muri icyo cyumba saa kumi n'iminota 37 z'umugoroba.

40. Umuganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera yavuganye na Komanda wa UNDU ku byerekeranye n'imyanzuro ye, anamumenyesha ko yifuzaga kumenyeshwa ibizava mu iperereza ryimbitse, riramutse ribaye, ku mpamvu nyirizina y'urupfu rwa Kabuga. Yanasize inyandiko yashyizeho umukono yemeza ko isuzuma ry'umurambo rikorewe ku mubiri ryakozwe kandi ko umurambo wa Kabuga ushobora kwimurwa. Saa kumi n'iminota 40 z'umugoroba, urugi rw'icyo cyumba rwongeye gufungurwa kugira ngo umuforomo wa JCvSZ atwikire umurambo wa Kabuga.
41. Umuganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera yahamagaye Porisi y'u Buholandi, ayimenyesha ko Kabuga yazize urupfu rusanze. Nk'uko Umuyobozi Mukuru wa UNDU yabivuze, abagenzacyaha babiri ba Porisi y'u Buholandi bageze kuri Gereza maze bavugana n'Umuganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera, ku irembo rya Gereza, mu gihe yarimo gusohoka. Umuyobozi Mukuru wa UNDU yasabye abo bagenzacyaha kureba nibura mu cyumba cya Kabuga akanya gato, maze baherekezwa kugera ku muryango w'icyumba. Ubwo bari bahagaze ku muryango, umwe mu bagenzacyaha yahamagawe kuri terefone ahabwa amabwiriza ko batemerewe kwinjira muri icyo cyumba. Abo bagenzacyaha bombi ba Porisi y'u Buholandi bahise bava muri JCvSZ.
42. Saa kumi n'ebiri n'iminota 22 z'umugoroba, Komanda wa UNDU yamenyesheje Umuyobozi Mukuru wa UNDU ko kuri uwo mugoroba, umurambo wa Kabuga wari kujyanwa n'abakozi b'ikigo gishinzwe imihango yo gushyingura abapfuye, kubera ko nta perereza nshinyabwaho ryari gukorwa. Saa mbiri n'iminota 17 z'ijoro, umurambo wa Kabuga wakuwe mu cyumba cye maze ujyanwa mu kigo gishinzwe imihango yo gushyingura abapfuye kuri i La Haye. Nta suzuma ry'umurambo rikorerwa imbere mu mubiri Kabuga yakorewe.

VI. UBUVUZI KABUGA YAHAWA

43. Guhera ku itariki ya 26 Ukwakira 2020, ubwo Kabuga yimurirwaga ku Rwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha, ishami ry'i La Haye, ubuzima bwe bwakurikiranirwaga hafi. Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwabanje kujya rushyikirizwa, nyuma ya buri byumweru bibiri, amaraporo y'ibanga ya Muganga ukuriye Serivise y'ubuvuzi ya UNDU, cyangwa Muganga ushinze gutanga amaraporo wa UNDU ku buzima bwa Kabuga, nyuma biza kuba buri kwezi. Urugereko rwagezwagaho kandi amaraporo yatangwaga n'itsinda ry'impuguke mu by'ubuvuzi zigenga rigizwe na Porofeseri Gillian Mezey (Impuguke mu by'ubuzima bwo mu mutwe), Porofeseri Henry Gerard Kennedy (Impuguke mu by'ubuzima bwo mu mutwe) na Porofeseri Patrick Cras, Impuguke mu kuvura

indwara z’ubwonko n’imyakura (“Impuguke mu by’Ubuwuzi zigenga”). Mu rwego rw’iryo Perereza, nahawe uburenganzira bwo kubona ayo maraporo yose kandi na Muganga ukuriye Serivise y’ubuvuzi ya UNDU yampaye andi makuru, by’umwihariko ayerekeye uko ubuzima bwa Kabuga bwari bwifashe ndetse n’ubuvuzi yahawe mu kwezi kwabanjirije urupfu rwe. Ayo Maraporo amugaragaza nk’umugabo ugeze mu zabukuru wari ufite ubuzima bwagendaga burushaho kuzahara. Kubera ko Kabuga atakorewe isuzuma ry’umurambo rikorewe imbere mu mubiri, nsanga ari ngombwa gusobanura mu buryo burambuye uko uburwayi bwe bwagiye buhinduka n’ubuvuzi yahawe mu gihe yari afungiwe muri Gereza ya IRMCT.

44. Akimara kwimurirwa muri IRMCT, Kabuga yahise ashirwa mu kato muri JCvSZ mu rwego rwo kumurinda ibyago byo kuba yakwandura Koronavirusi n’ubwandu buterwa na virusi zitavurwa n’imiti ya antibiyotike, ndetse no kugira ngo akorerwe isuzumabuzima. Nyuma y’uruhererekane rw’ibizamini byo gusuzuma indwara n’isuzuma ryakozwe n’abaganga b’inzobere, byagaragaye ko mu ndwara Kabuga yari arwaye harimo kutabona no kutumva neza, indwara ya polyarthrosis yibasiye umugongo n’amatako bye, umuvuduko w’amaraso ukabije, na diyabete yo mu bwoko bwa 2. Kabuga yahawe ubuvuzi bugamije kugabanya umuvuduko ukabije w’amaraso kandi ashirwa muri gahunda yo kwita ku barwaye diyabete. Iyo gahunda yarimo ibizamini byo muri raboratwari byakorwaga buri gihe n’isuzuma ryakorwaga n’umuforomo ushinze kwita ku barwaye diyabete. Kabuga yahawe kandi amadarubindi n’agakoreshe gafasha kumva neza.
45. Nyuma y’uko hemejwe ko Kabuga yari arwaye osteoporosis, hatangijwe gahunda y’igihe kirekire y’ubuvuzi igamije kudindiza iyangirika ry’amagufa. Mu gihe raporo ya mbere y’ubuvuzi yamugaragazaga nk’umugabo ugeze mu zabukuru wari ufite intege nke ku rugero ruringaniye, ufite indwara z’umubiri n’izo mu mutwe zidakira kandi zikomeye, ndetse n’imbogamizi zikomeye mu gukora ibikorwa byerekeranye n’imibereho ya buri munsu, amaraporo y’ubuvuzi yakurikiyeho yamugaragazaga nk’umugabo ugeze mu zabukuru wagendaga arushaho kugira imbaraga, gukora ibikorwa bitandukanye no kugira ingufu. Ubushobozi bwa Kabuga bwo gukora ibikorwa bya buri munsu bwagaragazaga ko yagendaga arushaho kwifasha, ku buryo yakeneraga ubufasha buke gusa mu bikorwa bisanzwe bya buri munsu. Yagendaga n’amaguru buri munsu mu gikari kandi yashoboraga kwikorera isuku y’umubiri we.
46. N’ubwo byavugwaga ko mbere yo kwimurirwa muri IRMCT, Kabuga yari akeneye igare ryamufasha kugenda n’akabando ko kwishingikiriza mu gihe arimo kugenda, uko yagendaga amenyera imibereho yo muri UNDU yagendaga ahitamo kudakoresha ibikoreshe bimufasha

kugenda iyo yabaga agenda hanze. Hari ibyashyizwe mu cyumba cye cyo muri UNDU byafashaga gukemura ibindi bibazo bijyanye no kuba yagwa.

47. Ku itariki ya 5 Gashyantare 2021, Kabuga yaguye mu cyumba cye cya UNDU avunika igufwa ry'ikibero maze bituma abagwa byihutirwa mu bitaro bya gisivire. Uko kubagwa kwatumye hamenyekana ikibazo yari afite gikomeye cy'umutima n'ibihaha. Nyuma y'uko Kabuga agarutse muri JCvSZ, byagaragaye ko ubushobozi bwe bwo kwibuka ibintu byo mu gihe gito n'ubushobozi bwe bwo gusobanukirwa neza ibyabaga bimukikije bwagabanutse, kandi ibyo byaherekezwe n'ibihe byo kujagarara gukabije kandi bya hato na hato mu mitekerereze. Mu gihe yarimo koroherwa, yakomeje kugira intege nke kandi ahabwa ubuvuzi bugamije gusa kumugabanyiriza ububabare no kumuzamurira imibereho. Kabuga yakomeje kwitabwaho mu bitaro mu gihe kirenga amezi atatu, aho yakundaga kwibasirwa n'indwara ziterwa n'ubwandu. Muri Gicurasi 2021, hafashwe umwanzuro wo gutangira kujyana Kabuga muri UNDU kugira ngo ajye amarayo amasaha make, buri munsu w'akazi, mu rwego rwo gufasha kunoza imibanire ye n'abandi ndetse no gukomeza gukangura ubushobozi bwe bwo gutekereza.
48. Mu gihe cyose Kabuga yamaze muri UNDU no muri JCvSZ, zimwe mu ndwara yari arwaye zasabaga ko hitabwa by'umwihariko ku isuku y'umubiri we no ku ruhu rwe. Uko igihe cyagendaga gihita, imyitwarire ya Kabuga yagendaga irushaho kugora abamwitaho, kuko iyo abaforomo babaga barimo kumwitaho muri urwo rwego, hari ubwo byamuteraga kugira imyitwarire igoye cyane.
49. Muri Nyakanga 2021, Kabuga yinjijwe mu bitaro bya gisivire incuro ebyiri. Ubwa mbere byatewe no guhagarara gutunguranye kw'imikorere y'impiko ze, naho ubwa kabiri biterwa n'indwara iterwa no guturika kw'imitsi ijyana amaraso mu bwonko. Mu rwego rwo kunoza uburyo bwo kwita kuri Kabuga bujyanye n'ibyo yari akeneye, guhera muri Nzeri 2021 hashyizweho gahunda ivuguruye yo kumwitaho, hagamijwe kurushaho guhuza uburyo bukoreshwa na JCvSZ n'ubukoreshwa na UNDU mu kumuha ubuvuzi no kumwitaho kw'abaforomo. Hashyizweho kandi gahunda ivuguruye yo gukurikirana no kwita ku buryo yagendaga arushaho kugaragaza imyitwarire igoye cyane mu gihe arimo guhabwa ubuvuzi cyangwa ubufasha bw'abaforomo.
50. Ku itariki ya 25 Kanama 2021, Kabuga yasuzumiwe mu bitaro bya gisivire basanga arwaye umusonga. Nyuma y'iminsi ibiri, yasubiye muri JCvSZ. Ku itariki ya 7 Ukwakira 2021, Kabuga yarabazwe. Yitaweho mu buryo budasanze mu rwego rwo kugabanya ibyago byo

kuba yakwandura Koronavirusi maze bituma aba umwe mu bafungwa ba mbere bahawe urukingo rushimangira ubwirinzi bwa Koronavirusi.

51. Ubushobozi bwa Kabuga bwo kuvuga bwaragabanutse gato kandi ku itariki ya 1 Gashyantare 2022, yongeye kurwara indwara iterwa no guturika kw'imitsi ijyana amaraso mu bwonko maze ashyirwa mu bitaro bya gisivire, by'igihe gito.
52. Ku itariki ya 5 Mata 2022, habaye inama yo kuganira ku buzima bwa Kabuga n'uburyo bwo kumwitaho, yitabiriwe n'abari bashinzwe kumwitaho bese, ni ukuvuga abaganga bo muri JCvSZ, inzobere mu kwita ku bageze mu zabukuru, abacungagereza n'abaganga bo muri UNDU. N'ubwo atari arembye, Kabuga yafatwaga nk'umusaza ufite intege nke, wari ukeneye uburyo bwihariye bwo kumwitaho no kwitabwaho n'abaforomo kugira ngo yoroherezwe gukora ibikorwa bye byo mu buzima bwa buri muni. Yakoreshwaga imyitoto ngororangingo kabiri mu cyumweru, imyitoto yakoreraga ku igare ry'imyitoto rikoreshe mu nzu na yo yamugiriraga akamaro, ndetse anakoreshe akagendeshe gafite amapine kamufasha kugenda.
53. Mu Ukuboza 2022, Kabuga yarwaye ibicurane byaje kumukomerera kubera umusonga. Kubera ko hiyongereyeho uburwayi bwo mu rwungano ngogizi, byabaye intandaro yo kugenda azahara gahoro gahoro kandi ntiyongeye koroherwa haba ku bijyanye n'ubuzima bwe bwo ku mubiri n'ubwo mu mutwe. Indwara nyinshi zikomeye kandi zidakira zikomeye Kabuga yari arwaye zatumaga ibikorwa byo mu buzima bwe bwa buri muni bisaba ubufasha kandi bukomereye. Isuzuma ry'umuvuduko w'amaraso ryakurikiranwe mu gihe cy'amasaha 24, ryakozwe hifashishijwe igikoreshe cyambarwa ryagaragaje ko Kabuga yagiraga ibihe by'umuvuduko ukabije w'amaraso n'ibindi by'umuvuduko muke w'amaraso. Byemejwe ko atari ngombwa ko ahindurirwa imiti yafataga maze akomeza gukurikiranirwa hafi.
54. Mu mwaka wa 2023 wose, indwara zitandukanye Kabuga yari arwaye n'ibindi bibazo by'uburwayi by'igihe gito yagiye agira, harimo ibyo mu rwungano ngogizi, umusonga n'izindi ndwara ziterwa n'ubwandu byatumye ahindurirwa uburyo bwo kumuvura ndetse n'ibintu bimwe na bimwe byerekeranye n'uburyo yari afunzwemo, harimo ibijyanye n'aho yabaga n'uko yasurwaga. Ku itariki ya 3 Werurwe 2023, Impuguke zigenga mu by'ubuvuzi zahuriye ku mwanzuro uvuga ko Kabuga yujuje ibisabwa byo mu rwego rw'ubuvuzi ngo hemezwe ko afite uburwayi bwo mu mutwe butuma ubushobozi bw'umuntu bwo kwibuka, gutekereza, gufata ibyemezo bugenda bugabanuka. Isuzuma ry'ubwonko Kabuga yakorewe hifashishijwe MRI muri Kamena 2023 ryagaragaje ko hari ibimenyetso by'uko yari yarigeze kurwara indwara iterwa no guturika kw'imitsi y'amaraso yo mu bwonko, hamwe no

kugabanuka gukomeye k'ututemangingo tw'ubwonko ndetse n'ibimenyetso by'uko imiyoboro y'amaraso yangiritse (indwara y'imiyoboro mito y'amaraso). Diyabete, umuvuduko w'amaraso ndetse n'uburwayi bw'umutima Kabuga yari afite byakomeje kujya bikurikiranwa buri gihe.

55. Guhera muri Mutarama 2024, amaraporo y'ubuvuzi yagaragazaga ko Kabuga yari umusaza ufite intege nke, ufite uburwayi bwo mu mutwe butuma umuntu atabasha kwibuka, gutekereza cyangwa gufata ibyemezo, hamwe n'indwara z'umubiri, byagabanyije ku rugero rukomeye kandi burundu ubushobozi bwe bwo kwikorera ibikorwa byo mu mibereho ya buri muni. Abakozi baritwararikaga, by'umwihariko iyo bamuvugishaga, bakamwegera batuje kandi batihuta. Hanafashwe ingamba zigamije gukumira ko Kabuga yabyimba ibice byo hasi by'amaguru bitewe no kwirundanya kw'amazi yo mu mubiri, kandi yakoresheje igare ry'imyitozo.
56. Diyabete ya Kabuga yakomeje gukurikiranwa hafi. Imiti yafataga yahinduwe muri Kamena 2024, kandi imirire ye yakurikiranwaga n'inzobere mu by'imirire.
57. Muri Nyakanga 2024, Kabuga yimuriwe mu nyubako nshya za JCvSZ, mu gice cyagenewe gucumbikira no kwita ku bafungwa bageze mu zabukuru bakeneye kwitabwaho cyane n'abaganga ndetse n'abaforomo. N'ubwo Kabuga yakomeje kuba umufungwa uri mu nshingano za UNDU, ubufasha bw'abaforomo n'ubuvuzi yabihabwaga na JCvSZ buri muni, harimo kumufasha gukora ibikorwa byerekeranye n'imibereho ye ya buri muni no gufata amafunguro n'ibinyobwa, byatangwaga n'abakozi ba JCvSZ babifashijwemo n'abakozi ba UNDU.
58. Muri Nzeri 2024, ubwo Kabuga yarimo gufata ifunguro rya saa sita, ibiryo byaramunize. Yitaweho ako kanya n'abaganga maze ahita akira nta zindi ngorane zibayeho. Mu Ugushyingo 2024, yongeye kuvurwa umusonga.
59. Guhera muri Mutarama 2025, Kabuga yatangiye guhabwa ubuvuzi byagaragajwe ko ubusanzwe butanga umusaruro kandi butuma bamwe mu bafite uburwayi bwo mu mutwe butuma umuntu atabasha kwibuka, gutekereza cyangwa gufata ibyemezo bagubwa neza. Hatangijwe kandi uburyo bwo gukangura ibyiyumvo, hamwe no gukoresha amakarita ariho amashusho n'inyandiko z'ikinyarwanda kugira ngo bunozwe uburyo bwo kuvugana n'abandi no gukumira amakimbirane.

60. Ku itariki ya 31 Mutarama 2025, Kabuga yaratsikiye maze akomereka ku rutugu kandi yaravuye. Muri Gashyantare 2025, Kabuga yongeye kugira ikibazo cyo mu rwungano ngogozo, cyavuye neza hifashishijwe imiti. Amaraporo y'isuzumabuzima agaragaza ko, guhera muri Gicurasi 2025, Kabuga yagaragayeho kuzahara ku mu mubiri n'imbaraga z'imikaya, ku buryo ubushobozi bwe bwo guhagarara no gutera intambwe yifashishije akagendesho kamufasha kugenda bwari bwaragabanutse cyane.
61. Ku itariki ya 4 Kamena 2025, Kabuga yaraguye ariko ntiyakomereka. Nyuma y'ukwezi kumwe, yarongeye aragwa. Abaforomo batangiye gukoresha igikoresho gifasha umurwayi guhaguruka no kugendagenda kugira ngo bamufashe mu kugendagenda. Kabuga ntiyari agishoboye guhagarara ubwe cyangwa kugenda yifashishije akagendesho, kandi yayjyanwaga yicaye mu igare ry'abafite ubumuga.
62. Guhera muri Kanama 2025, Kabuga yari asigaye atagishobora kugenda atifashishije igare ry'abafite ubumuga, bitewe n'igabanuka ry'imbaraga z'imikaya yo mu ngingo ze zo hasi. Yahawe igare ry'abafite ubumuga rituma ashobora kwegama mu gihe aryicayemo kugira ngo arushaho kumererwa neza no gukumira ibisebe byaterwa no kwicara cyane. Kubera ko atari akibasha kumenya igihe agomba kumirira ikintu afite mu kanwa, Kabuga yahoraga akorora. Diyabete ye yakomeje gukurikiranwa, kandi agahabwa ingano y'umuti wa insuline ikwiranye n'uburwayi bwe. Kabuga yamaraga igihe gito muri UNDU.
63. Muri Nzeri 2025, Kabuga yaguye incuro zirenze imwe maze, kubera iyo mpamvu, mu cyumba cye cya JCvSZ hatangizwa impuruzi yumva urusaku ikora amanywa n'ijoro. Kubera ko yagiraga kenshi ikibazo cy'igabanuka rikabije ry'isukari mu maraso, ingano ya insuline yahabwaga yagabanyijweho gato, bituma urugero rw'isukari mu maraso rwe rujya ku rugero ruguma hamwe. Abaforomo bakomeje gushyira imbere isuku yo ku mubiri wa Kabuga, bakita no ku ruhu rwe. Kumwimura no kumuha ubufasha bw'abaforomo byakorwaga hifashishijwe igikoresho gifasha kuzamura no kwimura umurwayi. Yakorerwaga kandi ubugororangingo muri JCvSZ. Kubera ko hari ibyago byo kuba yagwa, iruhande rw'igitanda cye, hasi, hashyizwe matora nini yoroshye kugira ngo igabanye ingaruka igihe yaba aguye. Kabuga yagendaga arushaho gutakaza ubushobozi bwo kumenya igihe n'aho ari, ibyo bikaba byaragaragazaga neza ko ubushobozi bwo kwibuka bwe bwarushagaho kugabanuka. Mu Ugushyingo 2025, Kabuga yakingiwe ibicurane, koronavirusi, indwara ziterwa na bagiteri ya pneumoko, ndetse na zona. Isukari ye yo mu maraso y'igihe kirekire yagenzurwaga buri mezi atatu, imikorere y'impayiko ze ikagenzurwaga buri mezi atandatu, naho ibyago byo kurwara indwara z'umutima n'imiyoboro y'amaraso bigasuzumwa rimwe mu mwaka.

64. Mu mezi atandatu ya nyuma y'ubuzima bwe, ubuzima bwo ku mubiri bwa Kabuga ntibwagaragaje impinduka. Yajyaga muri UNDU hafi buri munsu w'akazi, akahamara hagati y'isaha imwe n'amasaha abiri. Mu Ugushyamba 2025, imiterere rusange y'ubuzima bwa Kabuga ndetse na gahunda yo kumuvura byongeye gusuzumwa mu nama yabaga buri mezi atandatu yahuzaga abakozi bo mu rwego rw'ubuvuzi bamwitagaho. Muri Gashyantare 2026, diyabete ye yafatwaga nk'aho yagenzurwaga neza. Kuba atari aherutse kugwa byagaragazaga ko ingamba zo kumurinda kugwa zari zarashyizweho zakoraga neza. Muri Werurwe 2026, byagaragaye ko urugero rw'isukari yo mu maraso ya Kabuga rwari rwazamutseho gato. Cyakora, hafashwe umwanzuro wo kudahindura ingano y'imiti ivura diyabete yahabwaga, ahubwo hafatwa icyemezo cyo gukomeza gukurikiranira hafi urugero rw'isukari yo mu maraso ye no kongera kwibanda ku mirire iboneye. Byongeye kandi, byagaragaye ko kuba urugero rw'isukari yo mu maraso rwari rwazamutseho gato byaragabanyaga ibyago byo kugira igabanuka rikabije ry'isukari mu maraso. Muri Mata 2026, hatangajwe ko diyabete ya Kabuga yari ihagaze neza. Isukari yo mu maraso y'igihe kirekire yasuzumwe bwa nyuma ku itariki ya 7 Gicurasi 2026, ibisubizo bigaragaza ko yari ku rugero rukwiye.
65. Raporo y'isuzumabuzima ya nyuma iri muri dosiye igaragaza ko Kabuga yakomeje gukoreshwa imyitoto ngororamubiri incuro ebyiri mu cyumweru afashijwe n'inzobere. Cyakora, imitekerereze ye yakomeje kugenda izahara ku buryo atashoboraga kwibuka umunsu, ukwezi cyangwa umwaka agezemo. Muri icyo gihe, Kabuga yakomeje gufatwa nk'umusaza w'intege nke, urwaye indwara yo mu mutwe irangwa ahanini no kwibagirwa n'izindi ndwara zitandukanye zo ku mubiri, byatumye atakaza bikomeye kandi burundu ubushobozi bwo kugira ibyo yikorera nta muntu ubimufashijemo. N'ubwo ubuzima bwe bwakomeje gukurikiranwa by'umwihariko, ubuvuzi n'ubufasha yahabwaga byakomeje kuba ibigamije gusa kumworohereza no kumufasha kubaho neza kurushaho, aho kuba ubumuvura indwara.
66. Mu kwezi kwabanjirije urupfu rwe, ubuzima bwa Kabuga bwarangwaga n'intege nke ariko bidahindagurika, nta bibazo by'ubuzima byigeze bivuka kandi nta n'impinduka zabaye muri gahunda y'ubuvuzi yahabwaga. Kabuga yafashwaga gufata imiti ye ya buri munsu, kandi Muganga ukuriye Serivise y'ubuvuzi ya UNDU avuga ko inyandiko yandikwaho uko imiti igenda itangwa igaragaza ko yahawe imiti nk'uko yayandikiwe, hakurikijwe uburyo bukurikizwa muri JCvSZ, kugera ku munsu yafiriye.
67. Muganga ukuriye Serivise y'ubuvuzi ya UNDU yajyaga kureba Kabuga buri cyumweru, cyane cyane ku wa Gatanu, harimo n'uwa Gatanu wabanjirije urupfu rwe. Nta kimenyetso na kimwe cyagaragazaga ko urupfu rwe rwari rwegereye. Cyakora, Muganga ukuriye Serivise y'ubuvuzi

ya UNDU yavuze ko, urebye imyaka Kabuga yari afite, indwara nyinshi yari amaranye igihe n'intege nke yari afite, urupfu rwe rutatunguranye.

68. Kabuga yapfuye ku wa Gatandatu, tariki ya 16 Gicurasi 2026, afite imyaka irenga gato 90.

VII. ICYATEYE URUPFU

69. Nk'uko byagaragajwe na muganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera, Kabuga yazize urupfu rusanze, bikaba bishoboka ko urupfu rwe rwatewe n'umutima cyangwa n'uburwayi bwo mu bwonko, kuko nta kimenyetso na kimwe cyagaragazaga ko Kabuga atazize urupfu rusanze. Ibi binashimangirwa na raporo irambuye ya muganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera ku isuzuma ry'umurambo rikorewe inyuma ku mubiri. Ubwo yabazwaga ibyerekeranye n'ibikubiye mu itangazo ryo mu rwego rw'ubuvuzi bivuga ko urupfu rwa Kabuga rwatewe no "guhagarara k'umutima", Muganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera yasobanuye ko iryo tangazo ryatanze n'Urwego rushinzwe ubuzima rusange rw'Akarere ka Haaglanden kugira ngo rikoreshe mu kohereza umurambo wa Kabuga mu mahanga, bityo rikaba ryari rigamije cyane cyane kwemeza ko urupfu rutatewe n'indwara zandura. Dukurikije amakuru ahari, kwandika ko umuntu yazize "guhagarara k'umutima" bikorwa kenshi ku mpamvu zo mu rwego rw'ubuyobozi.
70. Kubera ko hatakozwe isuzuma ry'umurambo rikorewe imbere mu mubiri haba mu rwego rw'iperereza nshinjabyaha ryo mu Buholandi cyangwa bisabwe n'umuryango wa Kabuga, nta mwanzuro ndakuka washoboraga gufatwa ku mpamvu nyayo yateye urupfu rwe. Cyakora, nshingiye ku makuru yose yakusanyijwe, harimo n'amakuru arambuye yerekeranye n'ubuzima bwa Kabuga n'ubuvuzi yahabwaga, ndemeza ko nta kimenyetso na kimwe kigaragaza ko Kabuga atazize urupfu rusanze.

VIII. IYUBAHIRIZWA RY'AMATEGEKO N'UBURYO BUKURIKIZWA KU BYEREKERANYE N'IBYABAYE

71. Mu nyandiko zerekeranye n'ubuvuzi, bigaragara ko Kabuga, amaze kwimurirwa muri IRMCT, ubuzima bwe bwakurikiranirwaga hafi na Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi ya UNDU hamwe n'abandi bakozi bo kwa muganga bo muri JCvSZ, aho yamaze igihe kinini ubwo yari afunzwe. Muganga ukuriye serivise y'ubuvuzi ya UNDU n'abakozi bo kwa muganga bo muri JCvSZ bahoraga bavugana, bityo bigatuma Kabuga ahabwa ubuvuzi bwatekerejweho neza kandi buhujwe, bushingiye ku mwanzuro bahurizagaho nk'abaganga.

Kabuga yahoraga akurikiranwa n'abaganga b'inzobere bo hanze, barimo n'impuguke mu by'ubuvuzi zigenga, kandi incuro nyinshi yahitaga yimurirwa mu bitaro bya gisivire kugira ngo akorerwe isuzuma kandi avurwe ibibazo by'uburwayi bukomeye bwabaga bwadutse mu buryo butunguranye. Ikigero cy'isukari mu maraso ye, imikorere y'impayiko ze, ibyago byo kurwara indwara z'umutima n'imiyoboro y'amaraso, ndetse n'ubuzima bwe bwo mu mutwe byahoraga bisuzumwa, kandi yahabwaga imiti ku gihe kandi igihe cyose byabaga ngombwa. Byongeye kandi, Kabuga yahabwaga serivise z'ubugororangingo n'ubufasha bwa ngombwa bw'abaforomo, bitewe n'imyaka n'uburwayi butandukanye yari afite. Nsanga kandi, mu byo bavuga, umukobwa wa Kabuga n'Avoka wamwunganiraga batarigeze bakemanga ubuvuzi n'ubufasha yahabwaga igihe yari umufungwa wa IRMCT. Avoka wa Kabuga yongeyeho ko, asanga, ubuzima bwa Kabuga bwo ku mubiri no mu mutwe byaritawehe mu buryo bunoze kandi bwa kinyamwuga igihe yari muri UNDU no muri JCvSZ. Nshingiye ku makuru yose mfite, ndemeza ko Kabuga yahawe ubuvuzi n'ubufasha bihagije igihe yari umufungwa wa IRMCT.

72. Itandukaniro nyamukuru riri hagati y'urupfu rwa Kabuga n'izindi mpfu zabaye mbere muri UNDU ni uko Kabuga yapfiriye muri JCvSZ, igice cy'ibitaro cya Gereza ya Haaglanden, aho gupfira mu nyubako za UNDU. Ikindi ni uko Kabuga atakorewe isuzuma ry'umurambo rikorewe imbere mu mubiri, ibyo bikaba bitandukanye n'uko byagenze ku bandi bafungwa bapfuye mbere. Ni ngombwa kuvuga ko, nyuma y'uko muganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera ageze ku mwanzuro ko Kabuga yazize urupfu rusanze, Ubushinjacyaha bw'u Buholandi butatangije iperereza nshinjabyaha, bityo Kabuga ntakorerwe n'isuzuma ry'umurambo rikorewe imbere mu mubiri. Ibyo byemejwe mu ibaruwa igenewe Gerefiye yanditswe n'abayobozi bo mu Buholandi, ku itariki ya 21 Gicurasi 2026.
73. Nk'uko byasobanuwe na Muganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera, iyo umuntu apfuye azize urupfu rusanze, isuzuma ry'umurambo rikorewe inyuma ku mubiri rikorwa na muganga usanzwe amuvura cyangwa muganga wo ku bitaro. Ibyo bitandukanye n'iyi umuntu apfiriye muri gereza, nk'uko byagenze kuri Kabuga muri JCvSZ, aho muganga wa gereza wari usanzwe amwitaho atari we ukora iryo suzuma. Ahubwo, hahamagarwa muganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera kugira ngo akore iryo suzuma ry'umurambo rikorewe inyuma ku mubiri, bityo rikorwe nta kubogama kandi mu bwigenge. Muganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera yavuze ko yabanje kuvugana na porisi ndetse n'ikigo gishinzwe kohereza imbangukiragutabara. Amaze kuvugana na porisi yo mu Buholandi, bamumenyesheje ko, uko babibonaga, bishoboka cyane ko Kabuga yazize

urupfu rusanze. Muganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera yasobanuye ko icyari kigamijwe ari uko yabanza gukora isuzuma ry'umurambo rikorerwa inyuma ku mubiri, hanyuma mu gihe hagira ikigaragaza ko Kabuga atazize urupfu rusanze, agahita abimenyesha Porisi akanayisaba kuza. N'ubwo muganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera yari yafashe umwanzuro uvuga ko Kabuga yazize urupfu rusanze kandi na Porisi yo mu Buholandi ikaba yaragenderaga kuri uwo mwanzuro, nsanga Porisi yarohereje abagenzacyaha babiri muri JCvSZ, bagera ku muryango w'icyumba Kabuga yarimo, bagahita bagenda nyuma yo guhabwa amabwiriza yo kudakomeza iperereza mpanabyaha.

74. Ndagira ngo ngaragaze uburyo abakozi ba UNDU n'aba JCvSZ bitwaye muri iki kibazo ku wa Gatandatu, tariki ya 16 Gicurasi 2026. Mu minota mike nyuma y'aho iki kibazo kimenyekaniye, abakozi ba JCvSZ bahise bagera aho Kabuga yari ari mu cyumba cye maze banamenyesha abo muri UNDU. Nyuma y'aho, habayeho uruherekane rw'ibikorwa byatumye bimenyeshwa abakozi b'ingenzi ba UNDU, by'umwihariko, Umuyobozi wa UNDU (mu minota umunani), Komanda wa UNDU (mu minota 14) na Muganga ukuriye serivise z'ubuvuzi za UNDU (mu minota 22). Hatanze kandi amabwiriza yo gufunga no kurinda icyumba Kabuga yarimo n'umuryango wacyo. Cyafunguwe gusa, saa kumi n'iminota 20 z'umugoroba kugira ngo hinjire Muganga w'inzobere mu bimenyetso byifashishwa mu butabera, agamije gukora isuzuma ry'umurambo rikorerwa inyuma ku mubiri, saa kumi n'iminota 40 z'umugoroba, kugira ngo umuforomokazi wa JCvSZ yorose umurambo, saa mbiri n'iminota 17 z'ijoro, kugira ngo abakozi b'ikigo gishinzwe imihango yo gushyingura abapfuye bakure umurambo we aho wari uri, ndetse no ku itariki ya 19 Gicurasi 2026 kubera uruzinduko nakoreye aho hantu byabereye. Byongeye kandi, nsanga, mu gihe cyose cya nyuma ya saa sita, Umuyobozi wa UNDU yarakomeje kubaza yibwirije Porisi yo mu Buholandi niba hari icyemezo cyafashwe cyo gutangiza iperereza nshinjabyaha.
75. Nshingiye ku byavuzwe haruguru, nsanga n'ubwo isuzuma ry'umurambo rikorewe imbere mu mubiri ritakozwe bitewe n'icyemezo cya Porisi y'u Buholandi ndetse n'umuryango wa Kabuga, nta mpungenge zijyanye n'ukuntu byagenze nyuma y'urupfu rwa Kabuga muri JCvSZ. Nanyuzwe kandi n'ukuntu abakozi ba UNDU n'aba JCvSZ, baba abari mu kazi n'abatari mu kazi ku itariki ya 16 Gicurasi 2026, bahise bita kuri icyo kibazo neza kandi mu buryo buhujwe neza.

IX. IMYANZURO N'INAMA

76. Nk'uko byavuzwe haruguru, Kabuga yazize urupfu rusanze. Birashoboka cyane ko urupfu rwatewe n'ikibazo cy'umutima cyangwa cyo mu bwonko, bitewe n'uburwayi bunyuranye yari amaranye igihe.
77. Nsanga abakozi ba UNDU n'aba JCvSZ barahise bita kuri iki kibazo ku itariki ya 16 Gicurasi 2026, nyuma y'aho bigaragariye ko Kabuga yapfuye, mu buryo bukwiye kandi buhujwe neza.
78. Nsanga, mu gihe yari afunzwe, Kabuga yarahawe serivise z'ubuvuzi nibura ziri ku rwego rumwe n'izihabwa abaturage bo mu gihugu IRMCT ifitemo icyicaro. Yahawe ubuvuzi n'ubufasha bw'abaforomo bikwiye. Ndashima abakozi ba UNDU n'aba JCvSZ ubunyamwuga bagaragaje mu kwita ku mufungwa wari ufite uburwayi bwinshi kandi bugoye kuvura bamuha ubuvuzi bugamije gusa kumugabanyiriza ububabare no kumuzamurira imibereho.
79. N'ubwo bimeze bityo, nsanga isuzuma ry'umurambo rikorewe imbere mu mubiri ryari gutanga amahirwe yari kurushaho gusobanura no kwemeza mu buryo budashidikanwaho icyateye urupfu rwa Kabuga, nk'uko byagiye bikorwa ku bandi bantu bapfiriye muri UNDU.
80. Nsanga hakwiye gukorwa ku buryo habaho kumvikana n'igihugu IRMCT ifitemo icyicaro, ku byerekeranye n'ibigomba gukurikizwa igihe umuntu ufunzwe na IRMCT apfuye, yaba ari muri UNDU, muri JCvSZ cyangwa mu bitaro bya gisivire. Iyo mikorere ikwiye kuba igamije gutuma inzego zibifitiye ububasha zo mu Buholandi, zifatanyije na IRMCT, zifata mu gihe gito kandi zibanje kubitekerezaho neza, icyemezo cyo kumenya niba hakorwa isuzuma ry'umurambo rikorewe imbere mu mubiri n'impamvu zatuma rikorwa. Mu gihe inzego zibifitiye ububasha zo mu Buholandi zifashe icyemezo cyo kudatega ko hakorwa isuzuma ry'umurambo rikorewe imbere mu mubiri, nsanga byaba byiza Gerefiye agiye amenyesha abo mu muryango wa hafi wa nyakwigendera na/cyangwa undi muntu wagenwe, hashingiwe ku Ngingo ya 32 y'Amategeko Agenga Ifungwa, ko hakurikijwe amategeko y'u Buholandi, bafite uburenganzira bwo gusaba ko iryo suzuma rikorwa.

Bikozwe uyu munsu, tariki ya 6 Nyakanga 2026
I Lahe, mu Buholandi

[Umukono]
Umucamanza Alphons Orie